REPUBULIKA Y' U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Dr. Edouard Ngirente

Mu muhango wo kwegurira Imana kiliziya nshya ya Katedarali ya Kibungo

no gutangiza ku mugaragaro

Umwaka wa Yubile y'Imyaka 50 Diyosezi ya Kibungo imaze ishinzwe

Ngoma, ku wa 02/12/2017

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,**
- **Bayobozi b'Inzego zitandukanye z'Igihugu cyacu muri hano,**
- **Nyiricyubahiro Musenyeri Intumwa ya Papa mu Rwanda,**
- **Nyiricyubahiro Musenyeri wa Arikidiyosezi ya Kigali namwe Bepiskopi mwese,**
- **Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyosezi ya Kibungo,**
- **Bihaye Imana mwese,**
- **Babyeyi, Bavandimwe, Bakirisitu ba Diyosezi ya Kibungo,**

1. Kirisitu Yezu akuzwe?

2. Mu izina rya Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, nejejwe no kwifatanya namwe mwese, muri uyu muhango wo kwegurira Imana Kiliziya Nshya ya Katedarali ya Kibungo no gutangiza ku mugaragaro Umwaka wa Yubile y'Imyaka 50 iyi Diyosezi imaze ishinzwe.

3. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika arashima ubufatanye buri hagati ya Kiliziya Gatulika na Guverinoma y'u Rwanda. Tuzirikane twese ko intambwe nziza Igihugu cyacu kimaze gutera mu rwego rwo kwiyubaka kibikesha ahanini inzira twahisemo nk'Abanyarwanda yo kuba umwe, kureba kure no kwishakamo ibisubizo.

4. By'umwihariko arashimira ubuyobozi bwa Diyosezi ya Kibungo kuba mwiyujurije iyi Katedarali nziza. Arabizeza ko azakomeza kubashyigikira mu bikorwa byanyu bitandukanye cyane cyane ko byunganira ibya Leta mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'Abanyarwanda.

5. Twishimiye ko mu kubaka iyi Katedarali ya Kibungo hazirikanywe gahunda ya Guverinoma yo guteza Imbere iby'Iwacu (*Made in Rwanda).* Nabonye bimwe mu biyubakishije harimo amakaro akorerwa hano mu Rwanda mu Karere ka Nyagatare ho muri iyi Ntara y'Iburasirazuba. Abanyarwanda twese bikwiye kutubera urugero, Dukunde kandi dukoreshe iby'iwacu.

6. Turashimira by'umwihariko Diyosezi ya Kibungo ko ikora ibishoboka byose kugira ngo ihuze kwigisha ivanjiri no kwigisha abakirisitu bayo kurushaho kugira ubuzima bwiza.

7. Zimwe mu ngero twumvise kandi dushima ni nka gahunda yatangije mu Karere ka Ngoma yo kwita k'Umuryango cyane cyane kurengera umwana w'umukobwa no kumurinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose, guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, kurwanya imirire mibi, ubuvuzi, uburezi n'izindi gahunda zifasha abakirisitu n'abaturage kwiteza imbere.

8. Guverinoma iboneyeho umwanya wo kongera gushishikariza Amadini n'Amatorero kurushaho kwegera abayoboke bayo no kubatoza kwitabira ibikorwa bibafasha kwiteza imbere no kugira ubuzima bwiza. Ibi ni nabyo Imana isaba abayemera bose nk'uko tubisanga mu ibaruwa yanditswe na Mutagatifu Yakobo mu mutwe wa 2, umurongo wa 14 aho agira ati: **"Byaba byunguye iki se, bavandimwe banjye, umuntu avuze ko afite ukwemera, niba adafite ibikorwa?".**

9. Amadini n'Amatorero akoresheje neza icyizere abakirisitu bayafitiye, yarwanya ku buryo bugaragara bimwe mu bibazo bicyugarije umuryango nyarwanda birimo amakimbirane yo mu ngo, abana bata amashuri, umwanda, kunywa ibiyobyabwenge, kwishora mu busambanyi, kutitabira gahunda y'ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de santé) n'ibindi.

- **Bayobozi b'Inzego z'Igihugu cyacu n'iza Kiliziya muri hano,**
- **Babyeyi, Bakirisitu, Bavandimwe ba Diyosezi ya Kibungo,**

10. Mu kanya gashize Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyosezi ya Kibungo yatangije ibikorwa bitegura kwizihiza Yubile y'imyaka 50 iyi Disoyezi imaze ishinzwe. Ndifuriza Abakirisitu b'iyi Diyosezi gukoresha iyi Yubile kugira ngo ibafashe gusubiza amaso inyuma, kwishimira ibyo bagezeho, kureba aho bagize intege bakahakosora bityo bikazabafasha gufata ingamba zo gutegura neza ejo heza h'iyi Diyosezi.

11. Ndagira ngo ijambo ryanjye ndihinire aha nshimira abantu bose bagize uruhare mu gutegura uyu munsi mukuru. Nijeje Nyiricyubahiro Musenyeri Antoine Kambanda, Umwepisikopi w'iyi Diyosezi ya Kibungo n'intama Imana yamushinze kuragira ko ubutumwa bansabye kubagereza kuri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika nzabusohoza.

Mugire umunsi mwiza kandi Imana ikomeze kubasakazaho Imigisha myinshi